*Kamena 2024* *ikinyarwanda*

# Hari urukundo RUMWE rukumbi!

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

**Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze.** (Yoh 15,9)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Buri gitondo uko umuseke ukebye izuba rirashe haba igitangaza. Mu mwijima w'icuraburindi havubukamo urumuri rutanga ubuzima – mbese nko mu gitondo cy'iremwa ry'isi. Dutangara, turabyibonera twese. Hari ikintu iteka kiba iruhande rwacu ndetse no muri twe. Kwizera ko mu ndiba y'ibiba byose, hari ibyiza gusa, biratubundikiye. Byose byaremwe mu rukundo kandi bihamagarirwa urukundo.

Yezu yazinduka kenshi, kare mu museso, agakora urugendo, akinjira mu kiganiro gihebuje n'uwo yitaga Data, agatwarwa wese. Yari azi neza ko: Hari urukundo rumwe rukumbi. Ni muri ubwo buryo yageragezaga iteka kumvisha inshuti ze ko: „Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze!“ (Yoh 15,9)

Urukundo rushaka ko byose bigenda neza. Ruritanga, rugatanga urubuga rwo kwisanzuriramo, rukareka umuntu agakura. Mu rukundo, ni ho wakomotse kandi uhamagarirwa kurubamo, nta kindi kibara, uretse Urukundo rwonyine. Ni nabwo uzashobora gukura.

Bitunguranye, inshuti yanjye yoherejwe mu bitaro bya kure kujya kwivurizayo. Yari ameze nabi. Muri njye hagurumanagamo icyifuzo cyo kumubona. Ni uko niyemeza kwimura gahunda zindi zose nari mfite muri iyo minsi, ubundi mfata inzira njya kumureba. Ambonye, ntiyihanganye yahise asuka amarira. Mu ruhurirane rw'ibyuma byari bituzengurutse aho mu bitaro, twahagiriye ibihe byiza bikomeye byuje ineza n'urukundo. Namwemereye kujya nsabira umugore we n'abana be yarebereraga, ndetse no kuzajya kubasura. Ubwo twasezeranagaho, byarigarazaga ko: **Hari urukundo Rumwe rukumbi!**

Ku bw'itsinda go4peace- Meinolf Wacker